IBITEKEREZO BYAKUSANYIJWE MURI KONGERE Z'ISHYAKA MU TURERE MU RWEGO RWO GUTEGURA KONGERE YA GATANU Y 'IGIHUGU Y'ISHYAKA KUGIRANGO BIZITABWEHO MURI MANDA YA KOMITE NYOBOZI 2015-2020

Mu rwego rwo gukomeza kunoza imikorere y'Ishyaka, hagiye hafatwa ibyemezo n'imyanzuro bishimishije mu nama z'inzego zitandukanye kandi bigashyirwa mu bikorwa.

Mu rwego rwo gutegura Kongere ya gatanu y'Igihugu y'Ishyaka, hakozwe Kongere z'Ishyaka P.S.D. mu Turere twose hakusanywa ibitekerezo bizitabwaho muri manda ya Komite Nyobozi y'Ishyaka P.S.D. izatorwa na Kongere ya gatanu (5) y'Igihugu y'Ishyaka P.S.D. Iby'ingenzi muri ibyo bitekerezo ni ibi bikurikira:

Mu rwego rwo kubaka Ishyaka P.S.D :

- Gukomeza kubaka inzego z'Ishyaka kandi zigakora uko bikwiye kugera ku Mudugudu
- Gukomeza kubaka ubushobozi bw'abayoboke guhugura abayoboke b'Ishyaka P.S.D. ku bireba Demokarasi, imikorere n'imikoranire y'Imitwe ya Politiki.
- Kongera ibikorwa by'ishoramari mu rwego rwo kongera imari n'umutungo by'Ishyaka.
- Gukangurira abayoboke gutanga umusanzu w'Ishyaka nkuko biteganywa n'amategeko agenga Ishyaka.
- Gushyiraho Urugaga rw'Abagore n'urw'Urubyiruko.

Mu rwego rwa politike, imibereho myiza n'iterambere rusange ry'Igihugu :

- Guharanira ko Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki mu Rwanda ryakorera ku nzego z'ibanze nkuko zegerejwe abaturage.
- Kuganira n'izindi nzego ku kibazo cyo gutandukanya ubuyobozi bw'Imitwe ya Politiki n'ubuyobozi bw'inzego za leta.

- Kuvugurura Itegeko rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kugira ngo Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda ihagararirwe ku nzego zose Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikoreramo.
- Guharanira ko isaranganya ry'ubutegetsi mu nzego zitorerwa hagati y'abagore n'abagabo byashingira kuri « Parité » 50 /50.
- Gukomeza kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi no gutunganya umusaruro ubivuyemo maze ukagezwa ku isoko ufite inyongeragaciro.
- Guteza imbere ubucuruzi n'ubuhahirane bw'Uturere ku biribwa kugira ngo bihe inyungu ihagije umuturage.
- Gukomeza guharanira guteza imbere ibikorwa remezo, cyane cyane ibijyanye n'amazi meza mu Mujyi n'Icyaro no gukomeza gukwirakwiza amashanyarazi.
- Gukomeza gushyigikira gahunda ya Hanga umurimo n'ubwisungane binyujijwe muri gahunda yo kuremerana hagamijwe kwiteza imbere.
- Guharanira ko ihame ry'uburezi ryatera imbere mu nzego zose z'uburezi no guharanira ko imibereho ya Mwarimu yagenda itera imbere bishingiye ku mikorere yabo (performances) no kuzamurwa mu ntera buri mwaka.
- Gukomeza guharanira ko gahunda za Leta zifasha abatishoboye, incike, n'abacitse ku icumu rya Jenoside, zikorwa neza ku buryo zibavana mu bukene mu buryo burambye.
- Guteza imbere ibigega by'imari bifasha kwihangira imirimo cyane cyane ku rubyiruko rurangije amashuri.
- Guharanira ubusugire bw'umuryango nyarwanda hitabwa ku buryo bwo gukumira amakimbirane hagati y'abagize umuryango.
- Guharanira guca ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'ibisindisha mu rubyiruko.
- Guteza imbere siporo uhereye ku nzego zegereye abaturage no mu mashuri.